

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu nama
Nyunguranabitekerezo ku kurwanya icuruzwa ry'abantu n'isano
rifitanye n'ihohotera rishingiye ku gitsina, ibiyobyabwenge
n'ubusinzi mu rubyiruko**

Kigali, kuwa 10 Ukwakira 2014

**Nyakubahwa Prezida w'Inteko umutwe w'abadepite,
Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga,
Nyakubahwa Ministre w'Intebe,
Nyakubahwa Visi president wa Sena,
Ba Nyakubahwa ba Ministres,
Nyakubahwa Umuyobozi Mukuru wa Police,
Ba Nyakubahwa Ntumwa za Rubanda,
Bayobozi mu nzego zitandukanye bari hano,**

Mwaramutse neza!

Mbanje gushimira abateguye iyi nama, igamije kungurana ibitekerezo ku kurwanya icuruzwa ry'abantu, n'isano rifitanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, n'ibisindisha mu rubyiruko. Ndashimira kandi n'abitabiriye iyi nama.

Bansaba kuza gufungura, iyi nama nibajije ibi bikurikira:

- Ko bimaze kuba umuco, ko iyo twishatsemo ibisubizo, akenshi tubigeraho nta shiti, habuze iki ngo ibi bibazo tubirandure burundu?
- Ese habuze iki ngo turinde urubyiruko rwacu ibikorwa nk'ibi?
- Ese ni amategeko abura? Ese ni ukuyashyira mu bikorwa?
- Ese habuze iki ngo ikibazo cy'ihohoterwa ndetse n'ik'ibisindisha n'ibiyobyabwenge mu rubyiruko ngo kiranduke mu Rwanda? Harabura iki?

- Ese uruhare rw'inzego zibishinzwe ni uruhe, uruhare rw'umuryango ni uruhe?
- Birasaba iki ngo twumve ko ibi bibazo bikomeye?
- Ese birasaba ubukangurambaga bukomeza, kugira ngo ibi bibazo biranduke?
- Ese ntabwo dusobanukiwe neza ibyo dushinzwe?
- Ese ni ukudaha agaciro iki ikibazo? Ese hari aho twaba dufite uburangare?
- Ese twaba tudaha agaciro ubuzima bw'abana bacu?
- Ese ni iyihe shusho dushaka gutanga nk'Abanyarwanda?

U Rwanda rwihaye icyerekezo cyiza cya 2020 na EDPRS bigaragaza neza aho tunganisha urubyiruko rwacu, ndetse dufite n'inzego zo kubishyira mu bikorwa, igisigaye ni ukurebera hamwe uburyo twakubaka, umuryango nyarwanda ubereye gahunda igihungu cyacu kihaye.

Kugira ngo Abanyarwanda dushobore gukomeza, iyo nzira twiyemeje yo kubaka igihugu cyacu, no kugiteganyiriza ejo heza cyane cyane abakiri bato, ni ngombwa ko twese twumva ibibazo, nk'ibi n'ingaruka bifite ku gihugu cyacu.

Ubukungu bw'igihugu cyacu ahanini bugizwe n'abantu, niyo mpamvu tugomba kwita cyane cyane kurinda urubyiruko, kuko bitabaye ibyo, twaba dutakaza ubwo bukungu bukomeye.

Mu myaka ishize, twashyize imbaraga mu guhashya ikibazo cy'ihohoterwa, ibiyobyabwenge n'ibisindisha mu rubyiruko, habaye inama nk'izi zinyuranye zifata ingamba zo kubirwanya. Aha twari dukwiye no kureba n'icyo twagezeho, n'ubwo kubihashya ari uguhozaho.

Ubu twiyemeje gukomeza kubihashya, hamwe n'iki kibazo cy'icuruzwa ry'abantu, cyane cyane abakiri urubyiruko, kuko bigaragara ko ibyo bibazo byose bifite aho bihurira. Batubwira ko abana benshi bishora mu kugurishwa baba barigeze guhohoterwa cyangwa gufata ku biyobyabwenge n'ibisindisha.

Iki kibazo kandi ntabwo kireba Igihugu cyacu gusa kandi si gishya, nkuko raport ya Unicef yo muri 2007 itwerekaga ko ku rwego rw'isi, buri mwaka abana bageze kuri 1, 200,000 bashorwa mu icuruzwa ry'abantu. Mu bihugu byo muni y'Ubutayu bwa Sahara naho iki kibazo kimaze kufata intera.¹

Nubwo dufite abaza kutuganirira birambuye, nabasabaga ko tubanza kwisuzuma ngo turebere hamwe, uruhare twabwemo abantu bakuru dufite mu gushora abakiri bato mu bibazo nk'ibi ngibi. Kuko ibi bikorwa byose babishorwamo n'abantu bakabaye ababyeyi babo, bakabaye ababarera cyangwa bakabagiriye inama zubaka.

Nibyo koko igihugu kigenda gitera imbere, kandi muri uko gutera imbere imibereho abantu basanzwe babamo irahinduka ndetse rimwe na rimwe ikagira ingaruka ku ndangagaciro zimwe na zimwe. Iyo turebye uburyo umuryango, wabagaho kera usanga akenshi nta mbogamizi zari zihari ku burere bw'abana bitewe n'uburyo imibereho y'abantu yari iteye.

¹ The Highway of stolen Innocence : Sex Trafficking in sub Saharan Africa

Kera kandi, umwana yabaga ari uw'umuryango, akagirwa inama kandi agahanwa n'umuntu wese umuruta atitaye ku isano bafitanye cyangwa ubucuti. Aha ni naho hagaragariraga urukundo mu muryango nyarwanda, kuko niyo umwana yabaga intwali, cyangwa yakoraga ikintu cyiza byabaga ari ishema ry'umuryango we ari ko n'ishema ry'umuryango mugali.

Muri iki gihe byarahindutse, ubu uko turushaho kugenda dutera imbere, n'ubuzima burahinduka bigatuma abagize imiryango bose bagomba gushakisha icyazamura ingo zabo, nyamara ariko dukwiye kwisuzuma uburyo dukoresha umwanya wacu nuko twunganirana nk'abashakanye kugirango uburere bw'abo tubyara burusheho kwitabwaho.

Iyo turebye neza ibi bibazo usanga ahanini bishingiye ku ruhare rw'umuryango mugali, wadohotse, ndetse n'indangagaciro tugenda dutakaza. Iterambere ridafite indangagaciro, niryo ribyara ibyo bibazo by'ihohotera, icuruzwa ry'abantu, gufata ibiyobyabwenge n'ibisindisha ndetse n'ibindi.

Nubwo uru rugamba rusaba umusanzu wa buri wese, ariko ndasanga uruhare runini cyane cyane mu kurinda rushingiye ku muryango. Ese abana bacu tubarera dute? Ese tubaganiriza dute? Bamenya bate ikizira n'ikitazira? Tubigisha dute uburyo umuntu ashobora kugira umutungo, adaciye mu bikorwa bibi. Bavuga ko uburere buruta ubuvuke, igiti kigororwa kikiri gito kandi Umwana apfa mu iterura. Ni ngombwa ko dutangira kare.

Tugarutse ku ruhare rw'umuryango nyarwanda, ese turacyafite ijisho ry'umuturanyi, ese aho ntitwaba duceceka ngo ni uko atari abana bacu, byaba bibabaje, guhishira abantu batwangiriza abana. Kuva mu myaka

ishize twakomeje kwamagana, abantu bashora abantu bacu mu ngeso mbi. Kandi abo bantu akenshi usanga bazwi aho batuye. Birakwiye ko bumva ko gukura ubutunzi mu bikorwa nk'ibyo atari iby'i Rwanda. Nta muntu udakeneye gutera imbere, ariko iterambere ry'umuntu risubiza abandi inyuma ntabwo rikwiye. Aha turabwira abantu bose, bafite uruhare muri ibi bikorwa, hari abagura izo serivise, hari abazitanga, hari abafasha kugirango bikorwe.

Abayobozi turi kumwe hano, nagirango nongere mbasabe twumve uburemere bw' iki kibazo, twumve ko nta Rwanda rw'ejo hazaza rwabaho niba urubwiruko rwacu ruri kuducika. Dufite inzego za ngombwa, n'uburyo busanzwe dukoreramo ariko dukwiye kongera ingufu mu kwihutisha gukemura ikibazo aho cyagaragaye nta kujenjeka kandi uwabigizemo uruhare uwo ari we wese akabiryoza.

Dukomeze tuzirikane ko twese dusangiye inshingano yo kurera, kandi kurera ntibivuga kwita kuwo wabyaye gusa, ahubwo ni ukurerera u Rwanda bivuze ko abana bose b'u Rwanda baba abakiri mu mashuri cyangwa abatakiga, buri wese afite inshingano yo kubitaho, kugirango ejo bazavemo abagabo n'abagore babereye igihugu n'isi muri rusange.

Turaza gusesengura neza impamvu z'ibi bibazo, ingaruka ndetse dufate n'ingamba, ariko ndasaba ko twazakora ubushakatsi bwimbitse, tukamenya, ese abana bashorwa muri ibyo bikorwa, baba bafite ibibazo ki, babitwerwa n'iki, ese abantu babibashoramo bo ka kibazo bafite? Ibi byazadufasha no gushyira ingamba mu bikorwa duherewe mu mizi y'ikibazo.

Ndifuzza guha ubutumwa urubyiruko rwacu dukunda, ni mwebwe mizero y'igihugu cyacu, ni mwebwe dufitemo icyizere cyo gukomeza gusigasira ibyagezweho n'ababyeyi banyu, nimwiyubakemo ubushobozi n'ubumenyi, mwiubakemo indangagaciro, mwihe agaciro mwumve ko kugira ubuzima bwiza cyangwa ubutunzi biharanirwa kandi bikagerwaho ariko umuntu anyuze mu nzira nziza. Mwirinde kwiyahuza ibiyobyabwenge n'ibisindisha kuko nta cyiza byabazanira uretse kubangiriza ubuzima gusa. Mwirinde igitutu cy'urungano (peer pressure), ahubwo muharanire guhindura bagenzi banyu bateshutse kandi ntimukagire isoni zo kutamera nkabo.

Guhangana n'iki kibazo kandi nk'uko nabikomojeho kiradusaba ubufatanye bw'inzego za Leta, abikorera imiryango itegamiye kuri Leta, abanyamadini nk'uko bigaragara ko mwabyiyemeje, dukomeze dusenyere umugozi umwe twiyemeze kuba igicumbi cy'uburere bwiza bw'abana b'abanyarwanda. Dushyireho uburyo bunoze, bwo gukurikirana abana bahuye ni iki kibazo, kugirango basubire kuba abana nk'abandi.

Mu gusoza nagirango nongere mbashimire, mumfashe kandi dushimire abagiye kutuganirira, mbibutsa ko buri wese akwiye guharanira ukuri n'ishema mu byo akora byose. Maze bizadufashe gukomeza kwihesha agaciro.

Twibukiranye kandi ko tudakwiye kurindira ko ibintu byose byakorerwa mu mihigo, turashaka kubaka umuryango nyarwanda ufite ubudasa, dushyireho uburyo bwo gusuzuma buhoraho ibyo twiyemeje, kandi tuzirikana ko twikorera, twitegereza ko abana bacu bashorwa mu ri ibyo bikorwa bibi! Mbifuriye inama nziza.

Mugire amahoro y'Imana. Murakoze